

REPUBLIKA Y'URWANDA



IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IGENZURA RY'IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO



Head Office: Kiyovu-Rue Bigogwe, ex-Fair House,
4th and 5th floors; B.P. 7289 KIGALI

TEL: (250) 252 584562; FAX: (250) 252 584563

HOT LINE: 3988; WEBSITE: www.rura.gov.rw

Email: arms@rwanda1.com

**IGITABO GIKUBIYEMO SERIVISI ZIHABWA
ABATUGANA N' IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE
IGENZURA RY'IMIRIMO IFITIYE
IGIHUGU AKAMARO**

Ukuboza, 2011

AMASHAKIRO

IRIBURIRO.....	4
I.INTANGIRIRO	10
II.ICYEREKEZO:	11
III.INTEGO:	11
IV.INSHINGANO Z'INGENZI	11
V. INDANGA GACIRO Z'INGENZI	14
VI. SERIVISI ZITANGWA N'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE KUGENZURA IMIRIMO IFITTYE IGIHUGU AKAMARO	15
1. Ubwoko bwa serivisi: uburyo buhuriweho bwo kugera kuri serivisi zitumanaho (Universal Access to Telecommunication Services)	15
2.Ubwoko bwa serivisi: Kwemererwa gutangiza nogukoresha (VSAT earth terminal)	17
3.UBWOKO BWA SERIVISI: Ihuriro ry'imikoraniye y'amaradiyo y'abikorera (HF,VHF, UHF)	19
4.Ubwoko bwa serivisi : Uruhushya rwogukora rwa television y'igihugu na radiyo	21
5.Ubwoko bwa serivisi : icyemezo cy'itumanaho rya radiyo	23
6.UBWOKO BWA SERIVISI: Uruhushya rwa (SATPHONE).....	25
7.UBWOKO BWA SERIVISI: KWEMERERWA GUTANGIZA NOGUSHYIRAHU RADIYO.....	28
8. UBWOKO BWA SERIVISI: URUHUSHYA RW'IKIBUGA CY'INDEGE.	30
9.UBWOKO BWA SERIVISI: URUHUSHYA RWOGUTANGIZA UBUCURUZI BWA INTERINETI (Authorization for operations of internet cafes).....	31
10.UBWOKO BWA SERIVISI: URUHUSHYA RWEMEZA IKORANABUHANGA RWO KOHEREZA AMAFARANGA NOKWISHYURA	33
11.Ubwoko bwa serivisi: Kwemeza uruhushya rw'utanga serivisi	35
12. Ubwoko bwa serivisi: Gutanga uruhushya rwogutanga serivisi za interineti	37
13.Ubwoko bwa Serivisi: Uruhushya rwogutanga serivisi zijyanye nibya amaposita	39
14.UBWOKO BWA SERIVISI: URUHUSHYA RWOGUKORA (License for courier Operators)	41
15. Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rwogushyira mubikorwa itangwa rya serivisi (License for Applications Services Providers (ASP)	43
16.Ubwoko bwa serivisi: Kwemera gutangiza ibifasha ikoranabuhanga (BTS and Fiber Optic Cables Rollout)	45

17.Ubwoko bwa serivisi: Radiyo n’ ubwoko bw’ibikoresho by’itumanaho Electronike bwemezwa.....	46
18.Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rwogukora imirimo y’Ubwikorezi bwo mu ikirere (License for Air Transport operations) .	49
19.Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rusange rwo gutwara abantu n’Ibintu (Authorizations for Public Transport operations).....	51
20.Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rw’amashuri yigisha gutwara imodoka	53
21.Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rwogutwara imodoka mu mihanda yo mu mijyi	55
22.Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rwemerera amatagisi gukora (License for Taxi cab transport operations)	57
23.Ubwoko bwa serivisi: Kwandika abakora imirimo yogutwara abantu n’Ibintu.....	59
24.Ubwoko bwa serivisi: Ibibazo nogukemera amakimbirane	60
25.Ubwoko bwa serivisi: kumenyekanisha nokumenya amakuru.....	63
26.Ubwoko bwa serivisi: Kwakira abashyitsi n’Inzandiko.....	66
27. Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rwabatanga umuriro bigenga	67
28. Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rwogukusanya imyanda ikomeye nokuyitwara	69
29.Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rwogutunganya imyanda ikomeye ibyazwa umusaruro	73
30. Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rwogucunga aho gukorera (Disposal site management (landfill) license)	76
31.Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya gukusanya imyanda yoroshye nokuyitwara	79
32.Ubwoko bwa serivisi: Uruhushya rw’agateganyo rwogusukura ..	82

IRIBURIRO

Nejejwe no kubagezaho iki gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa abaturage ni kigo cy'Igihugu gishinzwe igenzura ry'imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA).

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe kuri gahunda y'Igihugu y'Ivugurura rifite icyerekezo cyo kuzamura ubushobozi bw'abakozi nibigo, hagamijwe kandi gutanga serivisi zinoze hanagerwa kuntego nkuru y'Iterambere ry'Igihugu. Nanone ibi bigakorwa bigamije gusubiza ibibazo by'abaturage, bigakorwa mu mucyo kandi abantu bakabazwa ibyobakora.

Iki gitabo kigaragaza uruhare rw'Ikigo k'Igihugu gishinzwe igenzura ryitangwa rya serivisi mu Rwanda cyikanerekana serivisi zitangwa ibikenerwa kugira ngo uzihabwe. Kikagaragaza kandi urutonde rwaho izo serivisi zitangirwa nibyo amategeko yemerera umuntu kugira ngo abone izo serivisi.

Ishyirwaho ry'iki gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa abaturage ryerekana ubushake ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura itangwa rya serivisi mu gihugu gifite bwo kwakira abafatanyabikorwa bacyo batandukanye hagamijwe guha isura nziza nokuzamura uburyo serivisi zacu zitangwa.



François Régis GATARAYIHA

Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo

Iki Gitabo kigaragaza serivisi RURA igenera abayigana. Ni muri urwo rwego musanga gikubiyemo serivisi zitandukanye n’aho zitangirwa, uburyo zitangwa, igihe zitangirwa, n’Uburyo abatanyuzwe na Serivisi bahawe banyuramo bagaragaza ibibazo kugira ngo barenganurwe. Iki gitabo kigaragaza izi ngingo zikurikira:

- Icyerekezo n’Intego bya RURA byerekana ubushake bwo gutanga serivisi nziza kandi zinoze muri ubu buryo bukurikira:
 - Ubunyangamugayo
 - Hubahirizwa amategeko
 - Mu bwitonzi n’Ubupfura
 - Mu bwumvikane
 - Mu kuri no kudatoranya
 - Mu mucyo
 - Kugaragaza ibyo ikora
 - Gukorera ku gihe
 - Gutanga serivisi nziza kandi ku gihe cyabigenewe.
- Isesengura rya serivisi zitangwa na RURA:
 - Kugaragaza neza serivisi zitangwa na RURA,
 - Kwerekana Ishami serivisi zitangirwamo. Muri ubu buryo Abaturage bazamenya neza Ishami cyangwa Ibiro bagana, bityo bahabwe serivisi badatakaje igihe n’Ingufu zo gutegereza;
 - Kugaragaza igihe nyacyo bitwara buri serivisi itangwe. Ibi bizaha abaturage amakuru y’ingirakamaro bibarinde guhora mu nzira no gukubita amaguru y’ubusa.
 - Gushyiraho ibipimo bya serivisi nziza hagaragazwa amasaha bitwara kugira ngo umuturage abone iyo serivisi, uburyo izo serivisi ziboneka, ukuri kuba kuri mu itangwa ry’izo serivisi, icyizere cyo gukomeza kubona izo serivisi, niba umuturage ashobora kuyigeraho, uburyo yumvikanishwa, mu kuri, uburemere bifite n’ubwitonzi mu gutanga serivisi; Hashingiwe kuri ibi, Abaturage bashobora kwizera gutera imbere
 - Amakuru nyayo ku nyandiko zisabwa n’uburyo bwo kubona serivisi muri RURA. Urugero, ibyangombwa bikeneye kwerekanywa, n’impapuro zigomba kuzuzwa n’umuturage ushaka serivisi.

- Gusobanura neza Abaturage, ibyiciro by'abantu bemerewe kwaka buri serivisi itangwa na RURA.
- Kugaragaza Abakozi bashinzwe gutanga izo serivisi n'aho babarizwa ndetse n'uburyo bwo kubahamagara cyangwa kubandikira igihe bibaye ngombwa.
- Uburyo bwo kurenganurwa igihe udahawe iyo serivisi cyangwa se uburyo wayihawemo butakunogeye.
- Uko umuturage ashobora gutanga inama n'ibitekerezo ku buryo buhoraho hagamijwe guteza imbere no kunoza imitangire ya serivisi muri RURA.
- Amakuru n'uburyo bwatuma serivisi za RURA zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera.

Iki Gitabo kirimo serivisi zihabwa abaturage ni igikoresho cyo kugeza amakuru ahagije kandi asobanutse ku bagana serivisi za RURA no gushyiraho ibipimo hagamijwe kwimakaza umuco wo gukorera m'ukuri Nzego za Leta. Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kizatuma abagana serivisi za RURA bazahabwa serivisi zihuse binarandure umuco wo gutinza serivisi byagaragaraga mu itangwa rya serivisi mu Nzego za Leta.

Hashingiye ko ko serivisi zigomba kujyana n'ibyifuzo by'Abaturage, RURA yiyemeje kubamenyesha Serivisi bashobora gusaba, inshingano n'uburenganzira bwabo igihe bashaka izo serivisi. Kubera ko RURA isanga itakora ibi yonyine, niyo mpamvu isaba Abaturarwanda guhoza ijisho ku bakozi bayo kugira ngo bakorere ibibakwiye, bibereye, kandi bifite ireme no gutanga amakuru asobanutse kuri serivisi bifuzwa no gukuraho inzitizi zose zatuma itangwa rya serivisi ridatera imbere.

Mu by'ukuri, kugira ngo ishyirwamubikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi rishobokeye, RURA yizeye ko hazakomeza kubaho ubufatanye no guhana amakuru n'abaturage bayigana bashaka serivisi. Kubera iyi mpamvu RURA yashyizeho uburyo bunozwe bwo bwo kugisha inama abagana serivisi zayo:

- Ifishi cyangwa urupapuro byandikwaho ibitekerezo n'inama zitangwa muri buri Shami;
- Agasanduku k'ibitekerezo kaboneka aho binjirira;
- Umunsi w'Imurikabikorwa
- Amatsinda ngishwanama ahuriwemo n'Abagana serivisi za RURA
- Umurongo wa telefoni utishyurwa;

- Gukora anketa n'iperereza ku bagana serivisi za RURA gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe
- Uburyo bwo kurenganurwa no gukemura ibibazo bugaragaza inzira abagana RURA banyuramo batanga ibitekerezo kuri serivisi bahabwa.

Iki Gitabo cyerekana neza ingamba zafatwa igihe serivisi zidatanze uko bikwiye. Niyo mpamvu rero RURA ishishikariza abagana serivisi zayo gutanga inama ku bibazo babinyujije mu buryo buhari bwagenwe bwo kugaragaza ibibazo, bworoshye gukoreshwa kuri buri wese. RURA izakira ibyo bibazo by'abayigana ibigire ibyayo ikabikemura kandi mu gihe kitarambiranye. Mu buryo bushoboka, igihe cyo kwakira no gukemura ibibazo cyashyizweho. RURA irifuzaga gufatanya mu buryo bunoze n'abayigana mu gukemura ibibazo by'imitangire ya serivisi. Izi ngingo z'ingenzi nizo zizubahirizwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iki gitabo kikubiyemo serivisi zitangwa na RURA:

- Gutangiza uburyo buhoraho abasaba serivisi batangamo ibibazo. Uburyo bushoboka buzakoreshwa bugizwe n'urubuga rwa interineti, kohereza ubutumwa bwanditse kuri telefoni, no gukusanya amakuru ku basaba serivisi aho zitangirwa, udusanduku tw'Ibibazo, iyakure hamwe na telefoni.
- Kugena abashinzwe gukemura ibibazo no kwerekana uburyo bwo gukemura ibibazo imbere hagamijwe gukemura buri kibazo bakiriye.
- Gushyiraho uburyo bugezweho bukoreshwa imbere muri RURA mu gutondeka ibibazo. Ibibazo bishoboka ko byakwandikwa mu buryo busanzwe cyangwa ubushobozi bwaboneka, hagakoreshwa mudasobwa mu buryo butuma ibona igihe nyacyo cyo guhuza imibare.
- Gushyiraho ingengabihe yo gukemura ibibazo, harimo n'igihe cyo kumenya kwakira ibibazo, igihe gikenewe cyo kurangiza iperereza kuri buri rwego, n'igihe cyo kumenyesha abasaba serivisi aho RURA igeze mu iterambere.
- Kwemeza uburyo buzakoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza ibipimo mu itangwa rya serivisi.
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura inzira zo gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe.

Mu rwego rwo gushyigikira guhanahana amakuru, inama no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo, RURA yiyemeje gukoresha itangazamakuru n'ikorabuhanga rishya, n'ubundi buryo bugezweho nk'ubutumwa bwanditse kuri telefoni, umurongo wa interineti, n'ubundi nka twitter na facebook, n'ibindi binyuranye, cyangwa uruhurirane rw'iyoyi miyoboro y'ikorabuhanga.

Mu guteza imbere imitungire ya serivisi, RURA iteganya gukoreshwa ibikoreho tekini zikurikira mu ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage:

- Gukora iperereza hagamijwe gukusanya no kumva icyo Abaturage bavuga kuri serivisi bahabwa;
- Gukurikiza ibyiza byakozwe ahandi;
- Isuzumamikorere;
- Amahugurwa, gucunga no kongera ubumenyi;
- Guha ubushobozi no gutanga uburenganzira ku nzego zo hasi zitanga serivisi;
- Kwihutisha ikemurwa ry'ibibazo byabagejewe;
- Gucunga amakuru.

Hashingiwe ko amakuru ari inkingi nkuru mu gushyirwa mu bikorwa no gukurikirana uko serivisi zigera ku baturage, iki Gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na RURA kizagera ku baturage hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho no guhana amakuru, bityo gitangazwe ku mugaragaro binyujijwe ku rubuga rwa interineti, radio, ibinyamakuru n'izindi nzira zishoboka kugira ngo kigere ku bantu bose. Kubera iyi mpamvu, RURA irashaka gukoresha iyi miyoboro ikurikira hamwe n'uburyo bwose bwatuma serivisi zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera :

- Serivisi ishinze kwakira abagana Inzego no guhuza amakuru.
- Umunsi w'Imurikabikorwa /Umunsi wo kugaragaza ibyagezweho
- Gutegura no kunyuzwa mu icapiro inyandiko n'ibikoreho byamamaza:
 - Inyandikompine zitandukanye zamamaza,
 - Ibyapa
 - Ibiganira mbwirwa ruhamwe cyangwa bigenewe abanyamakuru
- Kwandika no gusohora udutabo: gukora inyandiko zamamaza cyangwa udutabo. Amakuru ari muri utu

dutabo agomba kuba asobanura ingingo nyazo, zisobanutse kandi yoroshye kumva. Izi nyandiko zikazajya ziboneka ku buryo bworoshye;

- Gusohora Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kikananikwa imbere y'Ibiro kikanashyirwa ku rubuga rwa interineti;
- Kubinyuza mu matangazo no kubicisha mu binyamakuru bitandukanye;
- Ubutumwa bwo gucishwa kuri radiyo na televiziyo;
- Ibiganiro mbwirwa ruhamwe kuri radiyo na televiziyo;
- Interineti n'Uburyo buhoraho bwo kuvugurura imiyoboro n'imbuga za interineti z'Inzego za Leta:
 - Gushakisha imiyoboro
 - imbuga za interineti rusange
 - imbuga za interineti ahuriweho n'Inzego zitandukanye
 - urubuga rwa interineti rwihariye
- Ubutumwa bugufi bwanditse buyobora abantu aho bajya bagahabwa serivisi;
- Gukwirakwiza kopi z'nyandiko mu bahagarariye inzego za Leta n'abafatanyabikorwa;
- Amakuru mu binyamakuru;
- Inama n'ibindi bikorwa bigamijwe guteza imbere itangwa rya serivisi.
- Amahugurwa agamije gutanga imirongo migari ku bakozi n'ababahagarariye ku birebana n'itangwa rya serivisi.
- Ubundi buryo (urutonde rw'inyandiko, n'ihuriro ry'Imbuga za interineti).

Muri make, Abagana serivisi zacu bagizwe n'Abashakashatsi, Abanyeshuri, Inzego zigenga, Abaterankunga, Imiryango mpuzamahanga, Abaturage, Inzego z'ibanze, n'Abaturarwanda muri rusange.

Ibyo Twiyemeje gukorera abagana serivisi zacu:

Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kigaragaza ubushake bwa RURA bwo kuba indashyikirwa mu guha Abaturage n'abafatanyabikorwa serivisi zinoze kandi mu buryo bwihuse. Ni muri urwo rwego twitangiye kubaha serivisi neza uko bikwiye, mu mutuzo n'umutekano kandi mu bushishozi. Tuzaharanira gutanga serivisi zacu mu bunyangamugayo.

Ibyo dutegereje ku bagana serivisi zacu:

Kugira ngo tubahe serivisi neza, mwadufasha kuzamura imikorere mu buryo bukurikira:

- Gufata neza abakozi ba RURA mu bwitonzi kandi mubahesha icyubahiro;
- Kubaha amategeko n'amabwiriza agenga Imitangire ya serivisi mu Nzego z'Uburezi;
- Gutanga inama ku buryo kunoza serivisi zitangirwa muri RURA;
- Guhanahana amakuru ku buryo serivisi zitangwa muri RURA binyujijwe mu miyoboro inyuranye ry'itumanaho rikoresha Ikoranabuhanga rigezweho;
- Kwakira ibibazo byose, inama n'ibitekerezo birebana na buri serivisi no kubishakira ibisubizo bikwiye.

Aho wabariza:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro

Tel.: 3988

Web site: www.rura.org.rw

Tuzakira, twemere kandi tunashakire ibisubizo ibibazo byose twakiriye mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi.

Mu gihe ikibazo kizaba gisaba gukorerwa iperereza rihagije n'igihe cyo kugikemura, tuzakumenyesha igihe nyacyo cyo kuza gufata igisubizo.

I.INTANGIRIRO

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) cyashyizweho n'Itegeko n° 39/2001 ryo kuwa 13 Nzeri 2001 kandi ryanditse mu IGazette ya Leta n° 20 yo kuwa 15 ukwakira 2001 gifite intego yokugenzura serivisi zihabwa rubanda arizo izi zikurikira:

- Iminara y'itumanaho cyangwa serivisi zitumanaho
- Amashanyarazi(umuriro);
- Amazi;
- Kuvana imyanda ahatuwe cyangwa ahari inzu zikorerwamo ubucuruzi;
- Ubucukuzi nogukwirakwiza Gas; hamwe n'
- Ubwikorezi bw'Abantu nibintu.

II.ICYEREKEZO:

Gufata iyambere, mugutanga urugero nogushyiraho inzira ijyanye n'igihe muby'Ubugenzuzi bwa serivisi zitangwa atari muri iki gice uRwanda ruherereyemo ahubwo nomurwego mpuzamahanga.

III.INTEGO:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro gifite izi intego zikurikira:

- Gukora ibishoboka byose kugira ngo inzego zitange ibintu na serivisi mu gihugu hose ku abantu cyangwa ibigo byazatse kandi bikozwe mu mucyo;
- Gukora ibishoboka ngo izego zigurisha ibintu zigire ubushobozi buhagije bw'Umutungo bwo kubona ibikenewe;
- Guteza imbere inyungu z'abafatabuguzi kandi abafatabuguzi bashoboye bibintu na serivisi zitangwa n'Inzego hanabaho amarushanwa.
- Gufasha nogukangurira abikorera kugira uruhare mu gushora imari mu nzego zarubanda;
- Gukora ibishoboka ngo habeho ihuzwa ry'Inzego zarubanda n'Amategeko agenga ibikorwa byazo.

IV.INSHINGANO Z'INGENZI

Itegeko rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro risobanura inshingano z'Ingenzi zacyo zikurikira:

- a.** Gukora amategeko nogutuma ashyirwa mubikorwa: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura itangwa rya serivisi gifite inshingano yogukora amategeko/amabwiriza n'uburyo bugena uko izo serivisi zarubanda zigenzurwa. Gishobora kuvugurura amategeko/amabwiriza yacyo nyuma yokugisha inama mu mucyo inzego zibifitemo ubushake/inyungu. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura inzego imitangirwe ya serivisi cyahawe ububasha bwo gukora igenzura n'Ubushobozi bwo gukomanyiriza nogufatira ibihano bikwiye abica amategeko n'amabwiriza nkana agenga igenzura ryitangwa rya serivisi. Iri komanyirizwa n'Ibihano bigizwe nibi bikurikira, Gucibwa amande, guhagarikwa by'agateganyo cyangwa kwamburwa uruhushya rwo gutanga serivisi.

- b. Uruhushya:** ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro gitanga uruhushya rwemerera ibigo gutanga serivisi. Iki kigo kandi gitanga akazi ku inzobere gusuzuma amasoko, hamwe nababikora, ababikoresha, serivisi zatanze, uruhushya n'amafaranga. Iki kigo kifuza gutanga akazi kandi kigahugura abakozi bahagije, kandi bakagira ubuhanga bukenewe mugice uRwanda ruherereyemo ndetse no kwisi hose bwogukurikirana noguhuzwa amategeko n'amabwiriza yangombwa. Iki kigo kandi gishyiraho amabwiriza yo gusuzuma ibirego n'amakimbarane hagati yabahawe serivisi nabazitanze cyangwa hagati yabatanga serivisi ubwabo cyangwa hagati yabakiriya babo. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura itangwa rya serivisi gishoboye kumva ibibazo nogufata icyemezo cy'Ibyashyikirizwa inkiko zibifitiye ububasha.
- c. Gucunga umutungo mucye gifite:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gusuzuma itangwa rya serivisi gishyiraho, kigashyigikira isuzuma ry'Amategeko hagamijwe kugera kumikorere myiza nimicungire myiza y'ikoranabuhanga, nimyunvikanire ya radio hamwe nuburyo bwo kugaragaza imibare. Iki kigo kandi gihora gikora kontakite zaba izo muri rejio cyangwa mpuzamahanga mu mahuriro nomu Manama agamije kugera kumpinduka mu ikoranabuhanga na tekeniki zihagije kandi zikwiye mugusuzuma ibimenyetso byo kugena nogukresha umutungo mucye w'Igihugu wagenwe gukoresha.
- d. Gugenze imikorere ya batanga serivisi:** Igipimo cyambere cy'Imikorere myiza nuburyo bwagutse iki kigo gishyiraho uburyo bwo kugenzura nogusuzuma ubushobozi bw'abatanga serivisi. Ibipimo by'ingenzi nuburyo serivisi zaguka, ubwiza bwazo nuburyo zigera kubazikenere.
- e. Kugenzura nogusubiza imihindukire y'ibiciro ku masoko:**
Iki kigo gifasha abatanga serivisi nabazihabwa kubona uburyo bwo gusubiza ibibazo bituma haba igenzurwa. Ikigendererwa nuko habaho inzego zimikorere myiza, mu mucyo kandi muburyo bunoze. Guhindura imihindagurikire y'amasoko intibisubiza ibibazo byose igihe cyose. Ahubwo cyagombye gusuzuma politike zacyo, na gahunda z'impinduramatwara.

f. Kubigira ibyabo nokurinda ubugenzuzi bw'Ibikorwa remezo:

Intego imwe yibanze y'ikigo gishinzwe kugenzura itangwa rya serivisi nigukora ibishoboka ngo ubugenzuzi buterimbere kandi bukore nk'umusemburo w'Ubukungu. Kugira ngo ibi bigerweho iki kigo kigomba kubuza izamuka ry'Ibiciro ridahwitse mugupiganirwa gutanga serivisi cyangwa kumanura ibiciro hagamijwe inyungu kandi serivisi zatanzwe muburyo ntapiganwa ryabayeho. Byongeye kandi ko iki kigo gishyiraho amategeko n'amabwiriza agaragaza imiterere, Uburambe n'ubushobozi mu mutungo bw' umuntu ashobora guhabwa uruhushya rwo gutanga serivisi cyangwa gufasha utanga serivisi.

Kurushanwa: Bizabangombwa ko habaho igihe cyogusuzuma amategeko yose amabwiriza, imirongo ngenderwaho n'amategeko atuma habaho amahirwe angana mu mapiganwa aciyeye mu mucyo hagati y'inzego zitanga serivisi aho amapiganwa yemewe.

g. Ibigenderwaho mu kwemezwa: ibigenderwaho tekenike kandi byiza bigomba gushyirwaho mugihe cyo kugisha inama kubijyanye inganda zigezweho mu igihugu cyangwa hanze yacyo. Iki kigo kigomba gukora ibishoboka byose kugira ngo ibyifuzo by'abantu bakigana bibonerwe ibisubizo harimo nabafite ubumuga, cyane cyane hagendewe ku kwemeza itangirwamo serivisi nibikoreshe kandi n'amategeko yo yoguhuzwa imirongo y'Itumanaho.

h. Gusuzuma ibiciro: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe igenzura ry'Imirimo ifitiye igihugu akamaro kigira igihe cyogusuzuma ibiciro kikanafata ibyemezo bigaragaza ko ibi biciro bijyanye nigihe, kikanagaragaza ko ibyo biciro bikenewe kuvugururwa. Ibi kandi bikorwa mu bwitonzi kandi hagishwa inama abafatanyabikorwa.

i. Guhuzwa itumanaho nogutanga imibare: binyuze mugukorera hamwe, mugukora amategeko nibiganiri mbwirwaruhame, ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro kigomba kumva ibyifuzo byabatanga serivisi nabazihabwa hagamijwe kugera kumikorere myiza y'itumanaho nuburyo bw'isuzuma bwizo serivisi. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe igenzura ry'imirimo ifitiye igihugu akamaro gitanga imirongo nyenderwaho

yoguhuzwa itumanaho arinayo ituma haba ubwumvikana muguhuzwa kwitumanaho, kandi gifata nibyemezo mugihe cyo kugereranya uko izi serivisi zatanzwe nuko zatanzwe muburyo bwagutse. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro gikora amabwiriza nimirongo ngenderwaho hagamijwe kurinda gahunda y'igihugu irambye yokugenzura imitungo munyugu rusange.

- j. Kurinda abafatabuguzi n'abagenerwabikorwa:** Ikigo cy'igihugu gikwiye kongera ubushobozi mu gukora ubukangurambaga munzego zose zibifitemo uruhare, hiyongeyeho nabagenerwa bikorwa, kugira uruhare byimazeyo mubyerekeye noguteza imbere ibirebana n'ubugenzuzi. Aho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro kigomba gukora ibishoboka byose kugira ngo abafatanyabikorwa bagire uruhare mukurinda abagenerwa bikorwa kandi banagena igihe cyogukemura amakimbirane n'ibibazo abagenerwa bikorwa bagira.
- k. Gukemura ibibazo:** bitewe nibihe, ikigo cy'igihugu gishobora gukora nkumuvugizi, umwunzi cyangwa nk'umucamanza mubibazo bishobora kuvuka hagati yabatanga serivisi, abagenerwa bikorwa n'abafatanyabikorwa. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro gihamagarira impande zose gusuzuma uburyo nimiyoro yogukemura ibibazo.
- l. Ubushakashatsi n'Iterambere:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gusuzuma imirimo ifitiye igihugu akamaro gikangurira abatanga serivisi kuzamura kandi batezambere ubushakashatsi munzego zose z'ikoranabuhanga.

V. INDANGA GACIRO Z'INGENZI

- Kubazwa ibyo dukora
- Gukorera mu mucyo
- Guteganya imbere hazaza
- Coherence (gukora ibintu bihura n'inshingano)
- Kwitandukanya nibigenzurwa, n'abagenerwa bikorwa
- Kugira ubwigenge muri politiki, k'umutungo nomumiyoborere.
- Ubushobozi nokunoza umwuga

VI. SERIVISI ZITANGWA N'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE KUGENZURA IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO

1. Ubwoko bwa serivisi: uburyo buhuriweho bwo kugera kuri serivisi zitumanaho (Universal Access to Telecommunication Services)

<p>Serivisi ni iyihe? Ndabishoboye?</p>	<p>Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) – binyuze munama ngenzuzi y'ubutegetsi na uburyo rusange bwokugera kukigega gikururu gifasha imishing kuburyo bworoshye gishyiraho sentire z'itumanaho mugiturage, munzego z'uburezi, ubuvuzi n'inzeho zibanze zikorera mugiturage aho serivisi zitagera.</p>
<p>Niyihe serivisi nagana?</p>	<p>Universal Access Fund Directorate(ikigega gikuru</p>
<p>Niryari nabona serivisi?</p>	<p>Kuva kuwa mbere kugeza kuwa kane : saa moya (7:00am) zamugitondo kugeza sakumi nimwe zanimugoroba (5:00 pm) Kuwa gatanu saa moya zamugitondo kugeza saa sita zakumanywa (Friday: 7:00 am to 12:00 pm)</p>
<p>Igihe ntarengwa cyo kubona serivisi? Cyangwa iyo umuntu yanditse asaba bimara igihe kingana iki?</p>	<p>Kuruhande rw'ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro serivisi bitinze zitangwa mu gihe kingana n'icyumweru. Ariko serivisi zitangirwa kumirongo y'itumanaho (But the service is provided through ICT Operators and Internet Service Providers (ISPs)).</p>
<p>Nikihe, niba hari igihari, ikiguzi cyo kubona iyi serivisi?</p>	<p>Serivisi zitangwa kubantu. Usibye ko, ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro kigabanya ibiciro kugeza kuri (RURA provides 85% subsidy).</p>
<p>Nizihe mpapuro</p>	<p>Urwandiko rwandikiwe umuyobozi</p>

zisabwa?	mukuru w'ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) n'icyemezo kigaragaza ko serivisi zizatangirwa mugiturage aho serivisi zitarizagera.
Nubuhe buryo?	Hatangwa urwandiko rusaba, isesengura ry'ibikenewe (Universal Access Fund Directorate), kwemeza kw'inama y'ubutegetsi nyuma hagatangwa igisubizo.
Nizihe, nifba zihari, izindi nzego nagana nkabona izi serivisi? (Urugero kwishyura ikiguzi cyangwa kubona izindi mpapuro)	Hari ubufatanye buhoraho hagati yaza ministeri bireba, inzego za leta n,Inzego zibanze.
Hari uburyo bwo kugaragaza ibibazo?	Uburyo bw' Igenzura rya serivisi zitangwa cyangwa ibindi bibazo bishyikirizwa ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro habamo gukoresha telephone, munyandiko cyangwa hakoreshajwe internet.
Hari andi makuru arebana niyi serivisi yangombwa kumenya?	Gana urubuga rwa interineti rukurikira: www.rura.gov.rw kugira ngo ubone itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho mu Rwanda n'iteka rya peresida N° 05/01 ryo kuwa 15/03/2004 rigena imikorere ya (Universal Access Fund and Public Operator's Contributions).
Hari amafishi	Ntayo
Impapuro z'Amategeko zangombwa	Itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho mu Rwanda n'iteka rya peresida N° 05/01 ryo kuwa 15/03/2004 rigena imikorere ya (Universal Access Fund and Public Operator's Contributions).

**2. Ubwoko bwa serivisi: Kwemererwa gutangiza
nogukoresha (VSAT earth terminal)**

<p>Ni iyihe serivisi? Nujuje ibisabwa?</p>	<p>Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) binyuze munama y'ubugenzuzi, gucunga umutungo mucye nogukurikirana ibijyanye n'amategeko munzego nkuru (VSAT license to Telecom Operators, Embassies, Companies and Broadcasting Operators).</p>
<p>Nihehe Serivisi itangirwa?</p>	<p>Ikoranabuhanga / n'urwego rw'ubuyobozi rukuru rwo gucunga nogukurikirana umutungo</p>
<p>Serivisi itangwa ryari?</p>	<p>Kuva kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza kuwa kane saa kumi nimwe zanimugoroba. Kuwa gatanu kuwa saa moya zamugitondo kugeza saa sita zakumanywa</p>
<p>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</p>	<p>Iyo ibisabwa byuzuye uruhushya rutangwa mugihe kingana n'ukwezi kumwe.</p>
<p>Niba serivisi yishyurwa , igiciro ni ikihe?</p>	<p>Hari amafaranga fatizo nandi ateganywa n'iteka rya minisitiri N° 03/RURA/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena amafaranga atangwa kuruhushya rwogutangiza radio (Ruboneka k'urubuga rwa interneti)</p>
<p>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?</p>	<p>Ibisabwa: Urwandiko rusaba rwandikiwe umuyobozi mukuru wa RURA, kuzuzwa ifishi ibisaba, icyemezo kigaragaza ko wiyandikishije mubacuruzi, irangamuntu/pasiporo zinyamahanga z' abayobozi b'amakompanyi, kuba ufite icyemezo cyo kwishyura umusoro kunyungu nicyemezo cyuko utarimo umusoro wa leta.</p>

	Abari mukazi k'abadiplomate cyangwa inzego zikorana n'urwanda bacisha inzandiko zabo zisaba muri minisiteri y'ububanyi n'amahanga. Inzego z'uburezi zifuza guhabwa uruhushya zisabwa gutanga icyemezo cyuko bemewe gitangwa na minisiteri y'uburezi.
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?	Gutanga urwandiko rusaba nizindi nzandiko zisabwa, gusesengura ibisabwa byose (gucunga umutungo nogukurikirana ibijyanye n'amategeko munzego nkuru, kwemeza kw'inama y'ubugenzuzi hanatangwa uruhushya binyujijwe mubiro by'umuyobozi mukuru.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ikigo cy'igihugu kiterambere (RDB), Ikigo cy'igihu cy'imisora n'amahoro, Minisiteri y'ububanyi n'amahanga kubera inzego z'ububanyi namahanga na minisiteri y'uburezi kunzego z'uburezi.
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mugihe udahawe iyo serivisi?	Nkuko biteganywa n'itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigenga itumanaho mu Rwanda.
Hari ibindi by'Ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Buri gihe itabaze itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigenga itumanaho mu Rwanda kurubuga rwa interineta rw'ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro: www.rura.gov.rw kubijyanye nokumenya amakuru cyangwa ifishi yuzuzwa cyangwa ibikenerwa byose bijyanye na guhabwa uruhushya. Kubindi bisobanuro wakenera hamagara kuriyi numero buri gihe cyose ushakiye: 3988 .
Impapuro zuzuzwa	Ushobora nogusaba ukoresheje ifishi iri kurubuga rwa interineta nibindi bikenewe kugira ngo hashyirweho uburyo bwogukora

	bwa (VSAT earth terminal).
Ibyangombwa bisabwa n'Amategeko	Itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho mu Rwanda n'iteka rya minisitiri N° 03/RURA/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena amafaranga y'uruhushya rw'itumanaho rya radio.

3. UBWOKO BWA SERIVISI: Ihuriro ry'imikoranire y'amaradiyo y'abikorera (HF,VHF, UHF)

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA), binyuze munama y'ubugenzuzi gucunga umutungo nogukurikirana inzego z'amategeko, guha radiyo zigenga uruhushya rw'ihuriro ry'imikoranire nabikorera, inzego z'umutekano, ibigo bishinzwe gutwara abantu n'ubucyererugendo nizindi nzego zikoresha imiyoboro y'amaradiyo yigenga (PMR).
Ni hehe serivisi itangirwa?	Urwego rw'ubuyobozi rushinzwe gucunga umutungo nokuwukurikirana
Serivisi itangwa ryari?	Kuva kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza kuwa kane saa kumi nimwe zanimigoroba Kuwa gatanu saa moya zamugitondo kugeza saa sita zakumanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iyo ibisabwa byose byuzuye uruhushya rwogukora rwa radiyo yigenga rutangwa mugihe kingana n'ukwezi.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Hari amafaranga y'ibanze nandi agenwa n'iteka rya minisitiri N° 03/RURA/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena amafaranga atangwa kuruhushya rw'itumanaho rya radiyo (Available also on RURA Website).

<p>Nibihe byangombwa bisabwa?</p>	<p>Ibikenerwa:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Urwandiko rusaba rwandikiwe umuyobozi mukuru wa RURA rugaragaza imiyobora y'itumanaho ubisaba ashaka gukoresha. 2. Ifishe yabigenewe igomba kuzuzwa. (Available on RURA website). 3. Urutonde rugaragaza ibikoresho (Datasheet of equipment). 4. Hatangwa icyangombwa kigaragaza ko uruhushya rwishyuriwe iyo icyo cyangombwa cyasinywe (Proof of payment if the license is approved by the Regulatory Board according to the invoice received).
<p>Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?</p>	<p>Hatangwa urwandiko rusaba, nibindi byangombwa bikenerwa, isesengura ry'ibikenerwa (ubuyobozi bushinzwe gucunga umutungo nogukurikirana ibijyanye n'amategeko, byemezwa n'inama y'ubutegetsi y'ubugenzuz, itanga uruhushya rw'imikoranire y'amaradiyo yigenga ibinyujije mu ibiro by'umuyobozi mukuru.</p>
<p>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</p>	<p>Muri banki nkuru y'igihugu kwishyura.</p>
<p>Hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</p>	<p>Nkuko bigenwa n'itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho mu Rwanda.</p>
<p>Hari ibindi by'Ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</p>	<p>Buri gihe ifashishe itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena utumanaho mu Rwanda riri kumurongo wa interineti w'ikigo gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) website:</p>

	<p>www.rura.gov.rw igihe hari amakuru ukeneye cyangwa wifuza ifishe yuzuzwa iyo hari cyo usaba cyangwa hari ibicyenewe byihariye bisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rw'imikoranire y'amaradiyo yigenga. Ukeneye ibindi bisobanuro hamagara kuri iyi telefoni itishyurwa: 3988 igihe cyose ushakiye.</p>
Impapuro zuzuzwa	<p>Ifishi ikoresheya gusaba nibikenerwa kugira ngo uhabwe uruhushya rw'itumanaho rwa radiyo zigenga (HF/VHF/UHF)</p>
Ibyangombwa bisabwa n'Amategeko	<p>Itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho mu Rwanda ni iteka rya Minisitiri N°03/RURA/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rishyiraho amafaranga y'uruhushya rw'itumanaho ya radiyo.</p>

4. Ubwoko bwa serivisi : Uruhushya rwogukora rwa television y'igihugu na radiyo

Serivisi ni iyihe yihe? Nujje ibisabwa?	<p>Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) binyuze munama y'ubutegetsi y'igenzura, ubuyobozi bw'icungamutungo nogukurikirana ibijyanye n'amategeko giha television na radio uruhushya rwogukora.</p>
Niyihe serivisi nagana?	<p>Ikoranabuhanga ubuyobozi bushinzwe icunga mutungo nogukurikirana</p>
Serivisi itangwa ryari?	<p>Guhera kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza saa kumi nimwe zanimugoroba (Monday to Thursday: 7:00 am to 5:00 pm) Kuwa gatanu guhera saa moya zamugitondo kugeza saa sita</p>

	zakumanywa: (7:00 am to 12:00 pm)
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iyo ibisabwa byose bihari uruhushya rwogutangaza mugihe cy'ukwezi.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Hari amafaranga fatizo nandi mafaranga ateganywa n'amategeko nkuko agenwa n'iteka rya minisitiri N° 03/RURA/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rishyiraho amafaranga y'uruhushya rw'itumanaho ya (Available also on RURA Website).
Nibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	: <ul style="list-style-type: none"> • Urwandiko rwandikiwe umuyobozi mukuru wa RURA; • Ifishi yuzuye isaba igaragaza muburyo bwa tekenike amasitasiyo agomba gushyirwaho (attach any other detail or manual that may help to understand the network concept); • Uruhushya rutangwa n'inama y'igihugu y'itangazamakuru rutanga uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda. • Bigaragaza ibyo ikigo gifite • Ibyo giteganywa gucuruza • Ibyo gifite bihariye
Binyura muzihe nzira kugira ngo uyihabwe?	Gutanga urwandiko rusaba nizindi nyandiko zikenewe, gusesengura ibindi bikenerwa (ubuyobozi bushinzwe gucunga umutungo nogukurikirana ibyamategeko, inama y'ubugenzuzi itanga icyemezo cyogukora radiyo na television ibinyujije mubiro by'umuyobozi mukuru.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero kwishyura igiciro)	Inama y'igihugu y'itangazamakuru (MHC), RDB (Ikigo cy'igihugu cy'Iterambere na Banki nkuru y'Igihugu kwishyura.

cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa iyo udahawe iyo serivisi ar?	Nkuko byemejwe n'itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho mu Rwanda.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumengwa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Buri gihe iyambaze itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho mu Rwanda risangwa kurubuga rwa interineti rwa RURA website: www.rura.gov.rw igihe hari amakuru ukeneye ajyanye n'inzandiko zuzuzwa hasabwa serivisi cyangwa ibikenerwa hatangazwa ibigomba kubahirizwa batanga uruhushya. Igihe hari amakuru ukeneye hamagara kuri iyi telephone: 3988 igihe cyose ushakiye.
Impapuro zuzuzwa	Kuzuza ifishi usaba nibicyenerwa kugira ngo uhabwe uruhushya rwa television na radiyo Rwanda.
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Itegeko N°39/2001 ryo kuwa 13/09/2001 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro, itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho mu Rwanda nibisabwa kugira ngo bitangazwe byose biboneka kurubuga rwa interineti y'ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro.

5. Ubwoko bwa serivisi : icyemezo cy'itumanaho rya radiyo

Serivisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) binyujijwe munama y'ubugenzuzi, ubuyobozi bushinzwe gucunga umutungo nogukurikirana ibya mategeko butanga uruhushya rwogutangiza
---	--

	itumanaho rya radiyo nirya interineti.
Ni hehe serivisi itangirwa?	Ubuyobozi bw'ikoranabuhanga/Ubushinzwe gukurikirana ibyi cunga mutungo
Serivisi itangwa ryari?	Kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza kuwa kane saa kumi nimwe zanimugoroba (kuwa kane: 7:00 am to 5:00 pm) Kuwa gatanu saa moya zamugitondo kugeza saa sita zakumanywa (Friday: 7:00 am to 12:00 pm)
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iyo ibisabwa byose bihari uruhushya rwo gutangiza itumanaho y'iradiyo rutangwa mugihe kingana n'ukwezi.
Serivisi niba yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Hari amafaranga fatizo yashyizweho hari nandi ateganywa n'iteka rya minisitiri N° 03/RURA/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena amafaranga y'uruhushya rwitumanaho rya radiyo risangwa kurubuga rwa interineti y'ikigo cy'igihugi gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (Available also on RURA Website).
Nibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	ibikenerwa: <ul style="list-style-type: none"> • Gahunda y'ubucuruzi • Kugaragaza ibyo aribyo murwego rwa tekeniki
Binyura muzihe nzira kugira ngo uyihabwe?	Gutanga ibikenerwa byose, gusesengura ibikenerwa (Ubuyobozi bushinzwe gucunga umutungo, gukurikirana ibijyanye n'umutungo hamwe nibijyanye n'amategeko bwemeza uruhushya rw'itumanaho nyuma yokwishyura).
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa	

gushaka ibindi byangombwa)	
Ese hari ubundi buryo bwokurenganurwa mugihe udahawe iyo serivisi?	Nkuko bigenwa n'itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho mu Rwanda .
Hari ibindi by'Ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Buri gihe ifashishe itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigenga itumanaho mu Rwanda kurubuga rwa interineti rw'ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro: www.rura.gov.rw . Ukeneye ibisobanuro hamagara kuri iyi telefoni itishyurwa : 3988 igihe cyose ubishakiye.
Impapuro zuzuzwa	Ntayo
	Itegeko N°39/2001 ryo kuwa 13/09/2001 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro n'Itegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigena itumanaho.

6. UBWOKO BWA SERIVISI: Uruhushya rwa (SATPHONE)

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) binyuze munama y'ubugenzuzi, Ubuyobozi bw'Icunga mutungo nogukurikirana ibijyanye n'amategeko gitanga uruhushya rwo gukoresha iminara, ambassade, nibigo byabashinzwe gukoresha itangamazamaku.
Ni hehe serivisi itangirwa?	Ishami rishinzwe ikoranabuhanga hamwe nirishinzwe gucunga nogukurikirana umutungo
Serivisi itangwa ryari?	Kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza kuwa kane saa kuminimwe zanimugoroba (Monday to Thursday: 7:00 am to 5:00 pm) Kuwa gatanu saa moya

	zamugitondo kugeza saa sita zakumanywa (Friday: 7:00 am to 12:00 pm)
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iyo ibisabwa byose byuzuye uruhushya rw'itangazamakuru ruboneka mugihe cy'ukwezi kumwe gusa.
Niba serivisi yishyurwa, igicro nikihe?	Hari amafaranga fatizo nandi agenwa n'iteka rya minisitiri N° 03/RURA/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rishyiraho amafaranga y'uruhushya rw'itumanaho rya radiyo (risangwa kurubuga rwa interineti rw' ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro.
Nibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ibikenerwa: Urwadiko rusaba rwandikiwe umuyobozi mukuru w'ikigo gishinzwe kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro, ifishi isaba yujujwe, icyemezo kigaragaza ko wiyandikishije, Irangamuntu/passiporo zomumahanga ku abayobozi b'ibigo, icyemezo kigaragaza ko wiyandikishije mubatanga umusoro kunyungu, nicyemezo kigaragaza ko utanga umusora. Za mbassade nibigo byigenga bishamikiye k'Urwanda banyuza inzandiko zabo zisaba muri minisiteri y'Ububanyi n'amahanga. Inzego z'amashuri zifuzwa guhabwa uruhushya zigomba komekaho icyemezo cya minisiteri y'Uburezi kibemerera gukora.
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?	Gutanga urwandiko rusaba nibindi byose bikenerwa, isesengura ry' ibikenerwa (ubuyobozi bushinzwe icunga mutungo nogukurikirana iby'amategeko, byemezwa n'inama y'ubugenzuzi itanga uruhushya rwa SATPHONE binyujijwe mubiro

	by'umuyobozi mukuru.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ikigo cy'igihugu cy'iterambere, Ikigo cy'igihugu cy'Imisoro n'amahoro, Minisiteri y'ububanyi n'amahanga kuri za ambassade nibigo byigenga bishamikiye ku Rwanda na minisiteri y'uburezi kubigo by'uburezi.
Ese hari uburyo bwakurenganurwa mugihe udahawe iyo serivisi?	Nkuko byagenwe nitegeko N° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigenga itumanaho mu Rwanda.
